Ijambo rya Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame

# Kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 – Urwibutso rwa Bisesero

Urwibutos rwa Bisesero – Akarere ka Karongi, 15 Kamena 2024

**Babyeyi mwarokokeye muri iyi misozi ya Bisesero,**

**Imiryango ishyingura ababo uyu munsi,**

**Abahagarariye imiryango y'Abarokotse Jenoside,**

**Baturage b'Akarere ka Karongi,**

**Ba Nyakubahwa Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,**

**Muraho neza!**

- Kuri uyu munsi twibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi muri Bisesero, nagira ngo nihanganishe by'umwihariko imiryango ishyingura ababo uyu munsi, ndetse nkomeze n'abarokotse Jenoside muri aka karere n'ahandi hose mu gihugu. **Mukomere kandi mukomeze guharanira kubaho!**

- Iyo wumvise ubuhamya bukomeye bw'abarokokeye hano, ukumva amateka nk'ayo Ministre amaze kutubwira, umuntu aribaza ati: Bisesero wayibwira iki? Ese wahoza abantu ute?

- Amateka atwereka uburyo abishwe bagerageje kwirwanaho bahangana n'abishi babo. Ubutwari bwaranze Abasesero ni isomo rikomeye ku Rwanda ndetse no ku isi yose. Ni ubutwari bukwiye kwigishwa hose kugira ngo n'abakiri bato bamenye amateka yaranze Bisesero mu mwihariko wayo.

- Akaba ari yo mpamvu Leta y'u Rwanda yakoze ibishoboka byose, kugira ngo Urwibutso rwa Bisesero, rushyirwe mu murage w'Isi ucungwa na UNESCO.

**Babyeyi, Bavandimwe, twe nk'Abanyarwanda twigira iki ku mateka ya Bisesero?**

- Bisesero, idushushanyiriza neza ***"wa mutima w'u Rwanda watotejwe, wababajwe bitavugwa, ariko ntiwemere gupfa."***

- Bisesero, itwereka neza umugambi mubisha wa Jenoside, wo **kurimbura abantu runaka!** Na bamwe babyirengagiza barabizi, ko kumara abantu ari umushinga wateguwe kandi ukagenda ushyirwa mu bikorwa kugera ku ndunduro ya 1994.

- Bisesero kandi iduhamiriza ko, kugira ngo Jenoside ishyirwe mu bikorwa kandi ishoboke, ubuyobozi bwayigizemo uruhare rukomeye.

- Birababaje rero, kubona leta ikoresha intwaro n'ingabo z'igihugu, zikica n'abaturage nyamara ariyo yakabaye ibarinda!

**Babyeyi, Rubyiruko, Bayobozi mwese muteraniye hano,**

**Turibuka ariko ntiduheranwa**!

- Amateka ya Bisesero atwereka igisobanuro gikomeye cy'umuryango, kandi ko ubutwari n'ubudaheranwa, bitozwa abana bakiri bato.

- Urugero rukomeye, rugaragarira mu kuntu batekerezaga uko barinda umuryango, yemwe no mu makuba akomeye nk'ayo Jenoside yatuzaniye.

- Kurinda abana, abagore n'abafite intege nke, bigaragaza ubumuntu. Byongeye kandi, nabo ntibicaye ngo barambye, mu mbaraga zabo zose bafashije abandi kwirwanaho.

- Urundi rugero natanga, ni urwa Bwana Eric Nzabihimana mu kiganiro cyo kwibuka yise ***"Kwiroha"***[1] - Kwiyemeza kumanuka umusozi ukarwana n'umwanzi ugirango urinde abawe, kandi ubizi neza ko ushyira ubuzima bwawe mu kaga!

- Bigaragaza ko Abanyarwanda bari bariyemeje kurera ***Abangakugwabira*** barwanya ikibi, bakanga gutsindwa kugeza no ku rupfu! Ibi biduha natwe umukoro wo kuba no kurerera u Rwanda ba ***"Ntagwabira!"***

**Babyeyi, Rubyiruko, Bayobozi mwese,**

- Bisesero, ifite amasomo menshi yatwigisha. Irindi somo rikomeye dukura muri aya mateka, ni ukumva **agaciro gakomeye k'Ubunyarwanda.**

- Kuva mu itegurwa rya Jenoside, Abanya Bisesero bakomeje guharanira kubaho, kandi babona neza itotezwa ryabakorerwaga igihe kirekire. [2]

---

1 https://www.newtimes.co.rw/article/16841/news/kwibuka/daughter-reflects-on-how-fathers-book-immortalizes-genocide-resistance-in-bisesero

2 Dehumanization

- Gukomera ku isooko-muzi y' Ubunyarwanda ni ngombwa, n'iyo wasumbirizwa bimeze bite! Kuba waratotejwe gutya, ugahitamo kubaka u Rwanda, ni uko uzi uko kuvutswa Ubunyarwanda no kubura u Rwanda bibabaza! Bifite ikiguzi gikomeye!

- Mwanze guheranwa n'agahinda ndetse n'amateka mabi, muriyubaka mwongera kugira umuryango, mukomeza ubuzima, mufatanya n'abandi kubaka igihugu.

- N'ubwo hari intambwe yatewe mu kubaka igihugu, dufite inshingano yo gukomeza ibyagezweho no kubyongera, mu bumwe bwacu. Dutekereze mu buryo bwagutse icyagirira buri Munyarwanda akamaro dukorera hamwe mu mucyo.

- **Rubyiruko**, murusheho kwihatira kumenya amateka y'igihugu cyacu, no kugira ishyaka n'ubutwari nk'ibyaranze Abasesero, Inkotanyi zahagaritse Jenoside n'abandi Banyarwanda bose bimanye u Rwanda mu mateka yacu kuva kera.

- Ingengabitekerezo ya Jenoside ntiracika, ariko namwe mufite ubwenge, ingero nziza, n'umutima-nama wo guhitamo neza!
- Mufite uruhare runini rwo kunyomoza abahakana, bakanapfobya Jenoside. Ibi ariko si namwe bireba gusa, twese nk'umuryango ni inshingano dusangiye.

**Babyeyi, Rubyiruko, Bayobozi mwese,**

- Mu gusoza, nagira ngo nongere nshimire intwari za Bisesero, abo twibuka n'abarokotse.
- Ubutwari bwagaragariye ahangaha ntibukibagirane. Kubaho kwanyu, kubaho kwacu nk'Abanyarwanda, ni urugero rutwereka ko n'ubwo twasigara nta wundi utwumva, tuzakomeza kuba igihugu cyunze ubumwe kandi giharanira ko bitazongera ukundi.
- Dukomere ku bumwe n' ubudaheranwa bwacu, twigire ku Basesero banze kurekura u Rwanda…n'abagiye, barujjyanye ku mutima. **Intwari zacu za Bisesero, abariho n'abishwe, amateka yanyu ntazibagirana**!

- **Murakoze! Dukomeze Twibuke Twiyubaka.**